



Mutarama 2022

Ikinyarwanda

Yezu aza abasanga abatunguye!

(Mt 28,9)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Menya Yezu mu buzima bwawe bwa buri muni!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Umugambi w’Imana ku bantu wasaga n’uwashyizwe mu kaga. Intambara, n’akarengane byari byiganje hose. Imyaka myinshi abahanuzi bari barahamagariye abantu kwihana. Nta mbuto byigeze byera. Ni uko Nyagasani afata umwanzuro wo kohereza Umwana we ku isi. Yagombaga kongera guhishurira abantu umuhamagaro wabo w’ibanze wo kubana kivandimwe. Ni uko Yezu aza ku isi. Asangira n’abantu ubuzima mu gihe kirenze imyaka 30. Ku ndunduro y’ubuzima bwe yumvise ko twebwe abantu tuzakomeze kumukenera. Abigiriye urukundo, yashatse kugumana natwe iteka – yego ku buryo bwihishe ariko kandi ahari wese. Yabanje guhura na Mariya Madalena ndetse n’abandi bagore nyuma y’urupfu rwe ni uko abaha ishingano: „Nimugende mubwire abavandimwe banjye bajye mu Galileya. Aho ni ho bazambonera.“ (Mt 28,10) Ubwo yabasabye gusubira ku nyanja ya Genezareti. Aho ni ho hari iwabo. Yagira ngo agumane na bo aho iwabo. Yashakaga guhindura abahanga muby’uburobyi, abahanga mu mu kumenya ko Imana iri hagati mu bantu.

Icyi cyifuzo gikomeye cya Yezu cyo kubana natwe igihe cyose, turifuza natwe kugukurikira muri uyu mwaka mushya wa 2022. Tugutumiye nawe kuba umuhanga mu kumenya ko Yezu ari kumwe nawe. Ku bw’ibyo uzajya uhabwa buri kwezi inyigisho izagufasha kubona ko Yezu ari kumwe nawe. Ikigamijwe si ukwemera ko Yezu ari kumwe natwe kuko we ubwe yabidusezeranyije. Ahubwo ni ukugira ngo ubimenye kandi ubyibonere n’amaso yawe. Kuko ari hagati muri twe, arigaragaza atanga amahoro, atanga urumuri, mu kibatsi cy’ibyishimo bitangwa na we wenyine. Muri izi nyigisho tuzajya duhabwa ubuhamya na Tomaš uturuka muri Bořitov (muri Repububulika ya Cheke) ndetse iherekejwe na Videwo uzajya ubona kuri „go4peace“. Aha urahasanga ubuhamya bwe bwa mbere buvuye mu buzima bwe bwa buri muni:

„Umuni umwe naguze umugati nateganya kurarira. Imbere yanjye hari igikamyo kiri mu muhanda cyari cyayobye. Umushoferi wacyo arampagarika. Yariho ashaka aho yaparika muri iryo joro. Ni uko mufasha kubona mu cyaro cy’aho twari turi aho aparika. Ni uko aranshimira amwenyura. Ubwo nari nkomeje kugenda, binzamo ko bishoboka ko uwo mushoferi yari ashonje. Nari ngifite wa mugati naguze nateganyaga kurarira. Ni uko nsubira inyuma aho yari aparitse. „Akira hano hari icyo kurya! Ndabizi neza ko ushonje!“, ndamubwira namuhereza wa mugati. Aratangara cyane, ni uko anshimira ansekera. Ni uko ndikomereza njya mu rugo. Nari mfite ibyishimo byinshi mu mutima n’ubwo mu nda wa mugati utarimo☺.“ – **Menya Yezu mu buzima bwawe bwa buri muni! – Discover Jesus in your daily life!**